GAHUNDA
Gahunda yo Kwemererwa Ubufasha bw'Amadolari

Iyi gahunda ikora ku mbuga za Corewell Health:
Beaumont Corporate Shared Services, Beaumont Dearborn, Beaumont Farmington Hills, Beaumont Grosse Pointe, Beaumont Medical Group, Beaumont Pharmacy Solutions, Beaumont Royal Oak, Beaumont Taylor, Beaumont Trenton, Beaumont Troy, Beaumont Wayne, Post Acute Care (Beaumont) Corewell Health, Big Rapids (Mecosta County Medical Center), Continuing Care, Corporate, Gerber Memorial (Newaygo County General Hospital Association), Ludington (Memorial Medical Center of West Michigan), Outpatient/Physician Practices, Pennock (Pennock Hospital), Reed City (Reed City Hospital Corporation), SH GR Hospitals (Spectrum Health Hospitals), SHMG, Spectrum Health Lakeland (Lakeland Community Hospital Watervliet; Lakeland Hospitals at Niles and St. Joseph Inc.), United/Kelsey (Spectrum Health United; Spectrum Health Kelsey Hospital), Zeeland (Zeeland Community Hospital)

Imikorere igarukiye kuri:	Ntibikora
Kuranga #:	2983
Verisiyo #:	10
Itariki Byatangiriye:	11/01/2022
Ahantu ho Gukorera:	Ibaruramari, Imikoreshereze y'Ibyinjira
Ishami ryo Gukoreramo:	Ibaruramari, Iyoroherezwa ku Murwayi

Itangazo ryo kwirinda Ivangura: Ni gahunda ya Corewell Health n'inzego zose zishamikiyeho yo gutanga ubuvuzi bufite ireme ku bantu bose. Corewell Health ntizakora ivangura rishingiye ku bwoko, ibara ry'uruhu, igihugu cy'inkomoko, ubwenegihugu, igitsina, idini, imyaka, ubumuga, imyemerere ya politiki, igitsina umuntu yiyumvamo, n'irangamimerere na sitati y'umuryango. Gushyirwa mu bitaro no kuvurwa bizaba bishingiye gusa ku buvuzi umurwayi azaba akeneye n'urwego n'ubushobozi bw'ivuriro bwo kwita ku murwayi no kumuha ubuvuzi akeneye. Umurwayi ntazangirwa gushyirwa mu bitaro no kuvurwa hashingiwe ku bwoko, ibara ry'uruhu, igitsina, isura, igihugu cy'inkomoko, idini, ubumuga, imyaka, kuba abana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA, uwavuye ku rugerero, cyangwa umusirikare, uburyo bwo kwishyura cyangwa irindi shingiro ribujijwe n'igihugu, leta cyangwa amategeko y'aho ivuriro riherereye. Abarwayi bazavurwa mu buryo bugendanye n'igitsina kibaranga. Ikindi, site zemejwe z'Ikigo cya Leta Gishinzwe Serivisi z'Ubuzima ("NHSC")- na Porogaramu Ishinzwe Kwishyuza Inguzanyo muri Leta ya Michigan ("MSLRP") ntizizavangura mu guha serivisi umuntu (kandi zitazashingira ku kwemerera umuntu kujya muri porogaramu) hashingiwe ku bushobozi bw'umuntu bwo kwishyura byaba ko izo serivisi zishyurwa na Medicare, Medicaid, cyangwa CHIP; kandi ntizizavangura hashingiwe ku bwoko bw'umuntu, ibara ry'uruhu, igitsina, igihugu cy'inkomoko, ubumuga, idini, imyaka, igitsina yiyumvamo, cyangwa igitsina kimuranga.
Reba Uburenganzira n'Inshingano by'Umurwayi (Legacy Beaumont Health), Uburenganzira n'Inshingano by'Umurwayi (Legacy Spectrum Health Lakeland), cyangwa Uburenganzira n'Inshingano by'Umurwayi (Legacy Spectrum Health West Michigan) gahunda y'andi makuru arambuye.

Gahunda yo muri porogaramu yo kugabanya ibiciro ikora kuri site zemejwe za NHSC na MSLRP gusa Reba Umugereka B.

Reba Umugereka C kugira ngo usome itangazo ryose ryo kwirinda ivangura ndetse n'ubufasha buhari bw'indimi.

Inzego zizaranga inyandiko bifitanye isano zikubiye muri iyi nyandiko nkuko bikwiye
Kopi zacapwe z'iyi nyandiko zishobora kurenza igihe ndetse zishobora gufatwa nk'izitabasha kugenzurwa.

1. **Impamvu**
Gusobanura uburyo bwo gufata icyemezo gifite ishingiro cyerekeye uwemerewe guhabwa ubufasha bw'amadolari muri Corewell Health. Kumenyesha abarwayi ubufasha buhari na rubanda ndetse no gukora ku buryo imirongo ngenderwaho idahinduka ikurikizwa mu gutanga ubusabe bw'ubufasha bw'amadolari, hatitawe aho Corewell Health iri aho serivisi yo kwita ku murwayi itangirwa.

Iyi gahunda igamije guhaza ibisabwa mu Gice cya 501(r) ya Kode y'Umusoro w'Imbere mu gihugu yo mu 1986, nkuko yavuguruwe, ikaba ishyiraho ibisabwa bimwe ku bitaro ku byerekeye ubufasha bw'amadolari, amadolari acibwa ntarengwa, n'ibikorwa byo gutanga fagitire no gukusanya amadolari. Abarwayi badafite ubushobozi bwo kwishyura serivisi zatangiwe ahabarizwa Corewell Health bashobora gusaba ubufasha bw'amadolari, hagendewe ku mahame n'amabwiriza bigenga iyi gahunda.

Iyi gahunda kandi igamije kunoza amwe mu mategeko yo gutanga raporo y'ibiguzi byakoreshejwe kuri Medicare.

2. **Inshingano**
Iyi gahunda yo kwemererwa ubufasha bw'amadolari muri Corewell Health ("gahunda") izakorwa n'abakozi ba Corewell Health bashyizweho mu buryo buboneye nkuko byasobanuwe mu mikorere y'ishami yo kwemerera abantu ubufasha bw'amadolari n'uburezi.

3. **Ibikubiye muri Gahunda**
Corewell Health izakura ku barwayi umutwaro wo kwishyura amadolari y'ubuvuzi bwihutirwa cyangwa ubuvuzi bwa ngombwa bwatanzwe igihe umurwayi/umwishingizi bujuje ibisabwa bigenwa n'imirongo ngenderwaho igaragaza umuntu ufite ibibazo by'ubukungu, nkuko bisobanurwa mu Gice cya 6.6 munsi, kandi akorana na Corewell Health mu gufasha imikorere y'ishami yo kwemerera abantu ubufasha bw'amadolari. Kwiyemeza nta mbereka gutanga ubufasha bw'amadolari bigomba kuba mbere yo gukurirwaho ikiguzi icyo ari cyo cyose.

4. **Ubucurabwenge**
Ubuvuzi bwihutirwa cyangwa bwa ngombwa buzaba bushingiye ku kuvura, ntibushingira ku mwenda. Kwiyemeza gutanga ubufasha bw'amadolari bizaba bishingiye ku mpamvu zigaragara zerekana ko umuntu akeneye amadolari kandi azayemererwa mu mikoranire n'umurwayi/umwishingizi igihe cyose bishoboka. Abarwayi bose/abishingizi basaba ubufasha bw'amadolari bazaca mu nzira imwe hatitawe ku wishyura w'ibanze.

Ubuvuzi bwa ngombwa busobanurwa nka serivisi zisabwa mu kugaragaza cyangwa kuvura indwara cyangwa igikomere byasuzumwe cyangwa bifite impamvu zigaragaza ko bikeneye ubuvuzi bwa ngombwa ku rwego rw'ubuvuzi bijyanye. Hashingiwe ku buzima bw'umurwayi, ahantu haboneye kurusha ahandi ho gutangira ubuvuzi hashobora kuba mu rugo, aho umuganga akorera, ivuriro aho umurwayi avurwa ataha, cyangwa ubuvuzi bw'igihe kirekire, igororamuco, cyangwa ibitanda byo kwa muganga. Kugira ngo serivisi ibe itanga ubuvuzi bwa ngombwa igomba:

- Gusabwa kuvura indwara cyangwa igikomere;
- Gukomeza gusuzuma no kuvura indwara z'umurwayi;
- Kugendera ku bipimo biranga imikorere y'ubuvuzi bwiza;
- Kudahuza n'ibyo umurwayi akeneye cyangwa umuganga w'umurwayi; no
- Kuba ku rwego rw'ubuvuzi buboneye cyane ku murwayi nkuko bisabwa n'uburwayi aho kuba ingano y'umutungo w'umurwayi cyangwa umuryango we

Ubuvuzi bwihutirwa ni "Ubuvuzi bwa Ngombwa."

5. **Gahunda y'Ubuvuzi Bwihutirwa**
Corewell Health izatanga, nta kuvangura, ubuvuzi ku burwayi bakeneye ubuvuzi bwihutirwa ku bantu hatitawe ku bushobozi bwabo bwo kwishyura cyangwa kuba bemerewe guhabwa ubufasha bw'amadolari. Uburwayi bukeneye ubuvuzi bwihutirwa bushobora guterwa n'uburwayi bwadutse ako kanya bugaragaza ibimenyetso, ku buryo hatabayeho ubuvuzi byihutirwa, bushobora guteza akaga gakomeye ubuzima bw'umurwayi, bikaba byatera ikibazo gikomeye cyo kudakora k'urugingo cyangwa igice cy'umubiri.

Corewell Health ntizakora ibikorwa bica abantu intege zo gushaka ubuvuzi bwihutirwa, kandi, muri urwo rwego, Ubuvuzi bwihutirwa buzatangwa hatabayeho gutambama kw'amadeni cyangwa gusaba kwishyura serivisi mbere yo guhabwa ubuvuzi nkuko byasobanuwe neza mu Itegeko rigenga Ubuvuzi n'Umurimo (EMTALA) Gahunda ya (Legacy Beaumont Health) cyangwa Uburwayi bukeneye ubuvuzi bwihutirwa / Ubuvuzi / Gahunda yo kohereza umurwayi ahandi (ITEGEKO RIGENGA UBUVUZI N'UMURIMO - EMTALA) Gahunda ya (Legacy Spectrum Health).

6. Gahunda

6.1. Ibisabwa mu Gutura

Mu rwego rwo gukomeza intego yacu yo kuzamura urwego rw'ubuzima, kubaka ubumuntu, no gutanga icyizere, Corewell Health izashyira umupaka basaba ubufasha bw'amadolari bagaragaza nibura ko batuye muri Leta ya Michigan amezi atandatu cyangwa mu muryango uri mu muryango ibitaro bikoraho isuzuma ry'ubuzima nk'"umuryango" biha serivisi. Umwihariko ushobora kuba ku barwayi bakeneye ubuvuzi bwihutirwa cyangwa abashaka Ubuvuzi bwa Ngombwa budatangirwa ahandi hantu hatangirwa serivisi z'ubuvuzi.

6.2. Incamake

6.2.1. Mbere yo gusaba ubufasha bw'amadolari, umurwayi/umwishingizi na Corewell Health bazakurikiza uburyo bunoze bwo kwishyurirwa nkuko byasobanuwe mu Gice cya 6.3.

6.2.2. Ni gahunda ya Corewell Health gusaba kwishyura kuri serivisi z'ubuvuzi butari Ubwihutirwa cyangwa butari ubwa Ngombwa harimo ariko bitagarukira ku nyigo ku ndwara/ubushakashatsi, serivisi zo guhindura usura, cyangwa kubagwa hagamijwe kugabanya umubyibuho *mbere* ya serivisi cyangwa igihe ikibazo cyagaragarijwe bwa mbere, keretse hari ubundi buryo bwo kwishyura bwakoreshejwe. Corewell Health kandi izasaba kwishyura ubuvuzi Butihutirwa butatangiwe uburenganzira bwo kuvurwa cyangwa butishyurwa n'ubwishingizi.

6.2.3. Abarwayi/abishingizi bagaragaza ko badafite ubushobozi bwo kwishyura cyangwa bagaragajwe na Corewell Health nk'abadashobora kwishyura, bazoherezwa ku mukozi ubishinzwe wa Corewell Health kugira ngo bakorerwe isuzuma, nkuko bikurikizwa. Umukozi wa Corewell Health ashobora gukomereza ku busabe bw'inkunga y'amadolari kugira ngo agaragaze niba hari impamvu yagaragajwe yo kutabasha kwishyura. Umurwayi/umwishingizi ashobora gusabwa kuzuza ubusabe bw'ubufasha bw'amadolari. Raporo y'inguzanyo ishobora kubonwa ngo hasuzumwe amakuru yatanzwe mu busabe ariko ntizakoreshwa yonyine mu kwanzura ko umuntu yemerewe ubufasha bw'amadolari. Ibice cyangwa gahunda yose gutanga ubusabe ishobora gukurirwaho abarwayi bamwe/abishingizi bashobora kuzuza ibisabwa ngo bahabwe ubufasha bw'amadolari kandi bagenzuwe nyuma, bubahiriza imikorere na gahunda za Corewell Health. Mu gihe cyo gukora isuzuma ry'abashobora kwemererwa ubufasha, Corewell Health ishobora kugereranya umutungo winjizwa n'urugo hakoreshejwe uburyo bwo kubara bukozwe n'undi muntu, bukoresha amakuru ya raporo y'inguzanyo, amakuru umuntu yitangiye, amakuru yo mu imenyekanishabikorwa, n'impuzandengo y'imitungo yinjizwa ku bandi bantu batuye hafi ya aderesi y'umurwayi yatanzwe. Izindi ngero zo kuba umuntu ashobora kwemererwa ubufasha zishobora kubamo abantu bafatwa nk'abatagira aho baba cyangwa bapfuye badafite umutungo utimukanwa.

6.2.4. Iyo, nk'igisubizo cy'ubusabe bw'ubufasha bw'amadolari, ibigenderwaho mu gutanga ubufasha bitujujwe, umurwayi/umwishingizi azagirwa inama yo gutegura uburyo bwo kwishyura hakurikijwe Gahunda yo Gutanga fagitire no kwishyuza Umurwayi https://beaumont.policystat.com/policy/token_access/d8cf0261-674d-4f7e-b19f-4874d22694dc/ (Legacy Beaumont Health) cyangwa Gahunda y'Amadolari asigara kuri fagitire yishyurwa n'Umurwayi no Kwakira ubwishyu (Legacy Spectrum Health) n'uburyo bukoreshwa, aho umurwayi/umwishingizi ashobora kwemererwa kugabanyirizwa ibiciro no/cyangwa ubundi buryo bwo kwishyura nko kugabanyirizwa ibiciro igihe umuntu ahise yishyura, gahunda zo kwishyura, n'ibindi.

6.2.5. Nibigaragara ko imirongo ngenderwaho mu gukemura ibibazo by'ubukungu ikurikizwa, umurwayi/umwishingizi ashobora gusabwa gutanga inyandiko nyunganizi nkuko bisobanurwa mu gutanga ubusabe kandi ubusabe buzigwaho uko bikwiye.

6.2.6. Konti y'umurwayi izashyirwamo amakuru y'ibisubizo by'umwanzuro wafashwe. Imbaraga zikwiye zizashyirwa mu kumenyesha umurwayi/umwishingizi mu nyandiko ku mwanzuro (harimo, niba bikwiye, ubufasha umuntu yemerewe) n'ishingiro ry'umwanzuro.

Inzego zizaranga inyandiko bifitanye isano zikubiye muri iyi nyandiko nkuko bikwiye
Kopi zacapwe z'iyi nyandiko zishobora kurenza igihe ndetse zishobora gufatwa nk'izitabasha kugenzurwa.

6.2.7. Inyandiko zikoreshwa n'iz'inyunganizi zikoreshwa hatangwa ubusabe zizabikwa hakurikijwe Gahunda yo Kubika Inyaniko n'Uburyo Bikorwamo (Legacy Beaumont Health) cyangwa Gahunda yo Gucunga Amakuru, Kuyabika no Kuyashyingura (Legacy Spectrum Health).

6.3. Inkomoko y'Ubwishyu butangwa n'Undi Muntu

Mbere yo gusaba ubufasha bw'amadolari, umurwayi/umwishingizi na Corewell Health bazakurikiza uburyo buboneye undi muntu akoresha yishyura harimo ariko bitagarukira kuri Medicaid no kwiyandikisha mu Bigo by'Ubwishingizi bw'Ubuzima.

Corewell Health ifite uburenganzira bwo gupererezа, kugenzura, kubaza no gusaba umukoro wa:

- Ibigenwa byose n'ubwishingizi ubwo ari bwo bwose;
- Ibigenwa byose na leta ubufasha bwa porogaramu zitanga ubufasha mu gihugu umurwayi/umwishingizi ashobora kwemererwa kubamo;
- Ibigenwa byose n'umuryango uwo ari wo wose w'abagiraneza; na/cyangwa
- Ikibazo kitarakemurwa.

Ubufasha bw'amadolari ni uburyo bwa nyuma bwo gukemura ikibazo. Bityo, umurwayi/umwishingizi agomba kubahiriza inshingano zose zo muri porogaramu iyo ari yo yose mu zavuzwe hejuru cyangwa gukoresha uburyo bwose bwite mbere yo kwemererwa ubufasha bw'amadolari. Umurwayi/umwishingizi nadatanga amakuru yasabwe cyangwa ngo yitabire imwe muri porogaramu zavuzwe hejuru, bishobora gutuma yimwa ubufasha bw'amadolari.

6.4. Ukuboneka kw'Ubufasha bw'amadolari

Corewell Health yashyize mu buryo ingamba zo kwamamaza mu buryo bwagutse ubutumwa bugenewe abarwayi na rubanda muri rusange bwerekeye ukuboneka k'ubufasha bw'amadolari. Uburyo bwo gutanga ubutumwa bukubiyemo ariko ntibugarukira ku byapa muri buri shami ry'ibitaro rishinzwe kwakira indembe, ahandikirwa abarwayi, n'ahandi hantu hahurira abantu benshi, ndetse n'amakuru ku rubuga rwa Corewell Health (nkuko byakomojweho mu Gice cya 6.5). Ikindi, Corewell Health izatanga incamake yumvikana ya Gahunda yayo yo Kwemererwa Ubufasha bw'Amadolari nk'igice kigize kwakira umurwayi mu bitaro na/cyangwa uburyo bwo kumusezerera, ndetse no guha abantu ubufasha mu kuzuza ibisabwa mu gutanga ubusabe.

Abarwayi bazamenyeshwa Gahunda yo Kwemererwa Ubufasha bw'Amadolari mu gihe nibura cy'iminsi 120 uhereye ku itariki bamenyesherejweho fagitire bwa mbere nyuma yo gusezererwa mu bitaro. Abarwayi bafite amadolari asigara bagomba kwishyura bazaba bemerewe gukorerwa isuzuma nibura mu minsi 240 uhereye ku itariki bamenyesherejweho fagitire bwa mbere nyuma yo gusezererwa mu bitaro ("Igihe cyo gutanga Ubusabe"). Corewell Health niyakira ubusabe bw'ubufasha bw'amadolari mu gihe cyagenwe cyo Gutanga Ubusabe, ubusabe bwaba bwuzuye cyangwa butuzuye, izasubika imbaraga zose yashyiraga mu gukusanya amadolari kugeza igihe hafatiwe umwanzuro werekeye kwemererwa ubufasha bw'amadolari.

Serivisi zimwe zishobora guhabwa umurwayi muri Corewell Health zitanzwe n'abantu badashobora gukoresha Gahunda yo gusaba Kwemererwa Ubufasha bw'Amadolari ya Corewell Health n'uburyo bikorwamo. Ku rutonde rw'abo bantu batanga serivisi, reba verisiyo iheruka ya Umugereka A, izavugururwa uko amakuru azajya agenda ahinduka.

6.5. Uburyo bwo Kugaragaza Ubufasha bw'Amadolari no gutanga Ubusabe

Intego y'uburyo bwo kwemerera umuntu ubusabe bw'amadolari ni ukugaragaza ubushobozi bw'umurwayi/umwishingizi bwo kwishyura.

Kopi y'ubuntu ya Gahunda yo Kwemererwa Ubufasha bw'Amadolari, ndetse n'ubusabe bw'ubu bufasha bw'amadolari n'incamake yumvikana ya gahunda, biraboneka ahari Corewell Health hose. Kandi, kopi y'ubuntu ishobora kuboneka kuri:

- Legacy Beaumont Health:

- https://www.beaumont.org/patients-families/billing/financial-assistance
- Uhamagaye (248) 577-9205
- Cyangwa ukohereza imeyili kuri patient_financial_resources@beaumont.org

- Legacy Spectrum Health Lakeland:
  - https://www.spectrumhealthlakeland.org/patient-visitor-guide/patient/billing/financial-assistance
  - Uhamagaye (844) 408.4103
  - Cyangwa ukohereza imeyili kuri SHLfinancialcounseling@spectrumhealth.org
- Legacy Spectrum Health West Michigan:
  - https://www.spectrumhealth.org/affording-care/financial-assistance
  - Uhamagaye (800) 968.0145
  - Cyangwa ukohereza imeyili kuri FinancialCounseling@spectrumhealth.org

Buri muntu ashobora gusabwa kuzuza ubusabe bw'ubufasha bw'amadolari kandi agaha amakuru Corewell Health yasabye nk'ikigize ubusabe. Corewell Health yanzura ku bufasha bw'amadolari ishingiye ku mirongo ngenderwaho igaragaza ibibazo by'ubukungu yasobanuwe mu Gice cya 6.6. Corewell Health ishobora gusaba kopi z'inyemezabwishyu, ibyemezo by'imisoro yishyuwe cyangwa irindi suzuma ry'ibikoresho cyangwa umutungo winjijwe bisobanurwa mu gutanga ubusabe. Amakuru y'ikoranabuhanga n'andi makuru rusange nk'inyandiko zigaragaza kunanirwa kwishyura imyenda, ibyemezo by'abapfuye, n'inyandiko z'umutungo utimukanwa bishobora gukoreshwa mu gushyigikira mu ntango no mu buryo butanga icyizere kugaragaza abarwayi bakwiye ubufasha igihe badashobora gutanga amakuru yuzuye mu gutanga ubusabe, cyangwa guhita bakoresha uburyo bwo kubona amakuru ya ngombwa n'ubusesenguzi bw'ubushobozi bwo kwiyishyurira. Ikoranabuhanga nirikoreshwa mu gufasha kugaragaza ko umuntu ashobora kwemererwa ubufasha rizakoreshwa ngo haboneke amakuru yasabwe nk'igice kigize ubusabe. Gushobora kwemererwa ubufasha bizemererwa abasaba byemejwe ko bananiwe kwishyura imyenda, bapfuye badafite imitungo itimukanwa, batagira aho baba nkuko bigaragazwa n'amakuru y'imiturire cyangwa andi makuru yemewe. Abasaba bashobora gusabwa kunganira no gufashanya mu gusaba ibigengwa n'ikigo cy'ubwishingizi, leta, igihugu cyangwa izindi porogaramu z'abagiraneza byagaragajwe mbere mu Gice cya 6.3 hejuru.

Umurwayi uvuzwa na Medicaid azaba ashobora kwemererwa ubufasha bw'amadolari ku kigero cy'100% mu rwego rwo kwitabwaho n'abagiraneza.

Corewell Health ishobora gushinga ibigo bikorana na yo kwemeza niba umuntu akwiye kwemererwa ubufasha bw'amadolari mu rwego rwo kwirinda gukomeza gukoresha imbaraga nyinshi. Ibigo bikorana na yo bizakurikiza imirongo ngenderwaho y'iyi gahunda ku mpamvu zo kuzuza ibisabwa, cyangwa ku miterere y'abantu bahabwa serivisi, bazaba bujuje ibisabwa by'ibanze by'ubusabe bwacu. Igihe Corewell Health itanze inshingano, izasuzuma buri gihe amakuru atangwa n'ibigo bifata umwanzuro mu gukora ku buryo iyi gahunda yubahirizwa.

6.6. Ibisabwa n'Imirongo ngenderwaho igaragaza umuntu uri mu bibazo by'Ubukungu.

Uretse abarwayi bavurirwa ku Bitaro bya Leta (“NHSC”) site zemejwe cyangwa bari muri Porogaramu yo Kwishyurirwa Inguzanyo muri Leta ya Michigan (“MSLRP”) site zo gukoreraho zemejwe, mu kugaragaza umuntu yemerewe ubufasha bw'amadolari, Corewell Health izasuzuma ubushobozi bw'umurwayi/umwishingizi bwo kwishyura Corewell Health kuri serivisi zisabwa cyangwa zatanzwe mbere.

Corewell Health izasuzuma amakuru nk'akurikira igihe cyo kugenzura ko umuntu afite ubushobozi bwo kwishyura:

- Inzego z'umutungo winjizwa
- Umutungo mbumbe havuyemo imisoro
- Imiterere y'Akazi
- Ibindi bigomba bwishyurwa
- Umubare n'inshuro bya fagitire za serivsi z'ubuvuzi

Raporo y'inguzanyo igomba gutangwa kugira ngo amakuru ari hejuru ahabwe agaciro. Corewell Health izakoresha Imirongo ngenderwaho ubu yashyizweho na Leta igaragaza ikigero cy'Ubukene (FPG) nk'ishingiro ryo kuba umuntu yujuje ibisabwa ku mutungo winjizwa.

Umutungo utuma umuntu akurwaho umutwaro wo kwishyura (ubuvuzi bw'ubuntu) ku mubare ubundi bizaba 250 ku ijana by'ubukene nkuko bisobanurwa na FPG y'ubu (reba https://aspe.hhs.gov/poverty-guidelines ku mirongo ngenderwaho y'ubu) nkuko byatangajwe ku mwaka n'Ishami rishinzwe Ubuzima na Serivisi zita ku Baturage.

Amakuru y'ubukungu yerekeye umutungo w'urugo rw'umurwayi/umwishingizi birashoboka ko yasabwa, hatagamijwe guha undi muntu inshingano, ahubwo hagamijwe kugaragaza uburyo agira ingaruka mu buryo butaziguye ubukungu bw'usaba ubufasha. Urugo, nkuko bisobanurwa n'Ikigo gishinzwe Ibarura muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ni itsinda ry'abantu babiri cyangwa barenga bafitanye isano y'umuryango, byaba mu buryo bw'amavuko, gushyingiranwa, kubera umubyeyi umwana utabyaye mu buryo bwemewe n'amategeko, bitabaye ibyo, ababana (badafitanye isano y'umuryango, nk'ababana mu nzu, ntibabarwa); abantu bafitanye isano baba mu rugo rumwe bafatwa nk'abanyamuryango b'urugo rumwe. Corewell Health ntifata abantu baba mu rugo rumwe ariko mu buryo butandukanye bafatanya nk'urugo rwibumbiye hamwe. Uburyo bwo gutura by'agateganyo nk'ibyatewe n'uburwayi nabyo ntibizabarwa.

Amateka y'umurwayi mu buvuzi, imyitwarire na/cyangwa imibanire n'abandi ntibizabarwa mu kugenzura ubushobozi bwo kwishyura.

6.7. Ugusa

Kugira ngo gukurikiza iyi gahunda bibe bisa muri Corewell Health, ibikurikira birakurikizwa aho Corewell Health ikorera hose:

- Amadolari yose azishyuzwa azandikwa kuri konti y'umurwayi hakurikijwe uburyo busanzwe bukurikizwa mu kwishyuza. Nubwo amadolari yishyuzwa hashingiwe ku mpamvu zo gutanga fagitire no kubika amakuru y'amadolari yishyujwe, ibiguzi (si amadolari yishyujwe), bizaba igice cy'ibanze cyo gutangaho raporo kugira ngo hatangwe ubufasha bw'amadolari.
- Serivisi ntizizahabwa "kode ipfobya" ngo zishyurwe amadolari make.
- "Akarango ka kinyamwuga" ntikazakoreshwa.
- Corewell Health ntizakora ivangura rishingiye ku bwoko, ibara ry'uruhu, igihugu cy'inkomoko, ubwenegihugu, igitsina, idini, imyaka, ubumuga, imyemerere ya politiki, igitsina umuntu yiyumvamo, n'irangamimerere na sitati y'umuryango.
- Abarwayi bujuje ibisabwa n'iyi gahunda kandi bemerejwe kubona ubufasha bw'amadolari bazaba bemerewe guhabwa ubuvuzi Bwihutirwa cyangwa bwa Ngombwa mu gihe cyo kwemererwa cyasobanuwe mu Gice cya 6.9. Bitewe nuko Corewell Health itishyuza amadolari ayo ari yo yose abarwayi bemerewe ubufasha bw'amadolari nkuko biri muri iyi gahunda, Corewell Health yemera mu buryo bwose "umubare watangiwe fagitire" n'amadolari ntarengwa ari munsi y'amadorari mbumbe acibwa ibitaro by'abagiraneza.

6.8. Uburyo bwo Kwemeza Ubusabe

6.8.1. Imyanzuro yose y'ubufasha bw'amadolari igomba kwemezwa n'umukozi ubishinzwe nkuko bisobanurwa mu mikorere y'ishami yo kwemerera abantu ubufasha bw'amadolari n'uburezi.

6.8.2. Inyandiko nyunganizi zigomba guherekeza imyanzuro yose y'ubufasha bw'amadolari kandi zikabikwa nkuko bikomozwaho mu Gice cya 6.2.7. hejuru.

6.9. Igihe cyo Kwemerwa

Ubusabe bwose bw'ubufasha bw'amadolari bwemejwe bwatanzwe hakurikijwe Politiki yo Kwemerera abantu Ubufasha bw'Amadolari bushobora gushyirwa mu bikorwa mu gihe nibura cy'iminsi 90 kandi hakubiyemo ubuvuzi bw'ahazaza Bwihutirwa cyangwa bwa Ngombwa. Impinduka mu rwego rw'ubukungu cyangwa kwemerera undi muntu kwishyura bishobora guhindura igihe cyo kwemererwa kandi bigasaba irindi genzura.

6.10. Uburyo bwo Kujurira

Abantu bahakanirwa ubufasha bw'amadolari nkuko Gahunda ibiteganya bashobora gusaba igenzura ry'umwanzuro bafatiwe. Amagenzura azakorerwa ku rwego rukurikiraho rw'ubuyobozi kugira ngo byemezwe.

Ubujurire bukomereza hejuru y'urwego rw'ubuyobozi aho Umurwayi Yishyikira bujyanwa ku rwego rw'ubuyobozi bukuru bwa Corewell Health rwatoranyijwe na Visi Perezida wa Corewell Health SVP mu gice gishinzwe Imisoro cyangwa uwo yagennye.

6.11. Imbaraga zo Kwishyuza amadolari igihe habayeho Kutishyura

Igihe umurwayi/umwishingizi adasabye guhabwa ubufasha bw'amadolari nkuko iyi Gahunda ibiteganya, ibikorwa byo kwishyuza Corewell Health ishobora gukora igihe habayeho kutishyura bisobanuwe neza cyane muri gahunda zikurikira:

- Gahunda yo Gutanga Fagitire no Kwishyuza (Legacy Beaumont Health)
- Gahunda yo Gutanga Fagitire no kwishyuza Umurwayi (Legacy Spectrum Health).

Kopi y'ubuntu ya gahunda zavuzwe hejuru zishobora kuboneka kuri:

- Legacy Beaumont Health:
  - https://www.beaumont.org/patients-families/billing/financial-assistance
  - Uhamagaye (248) 577-9205
  - cyangwa ukohereza imeyili kuri patient_financial_resources@beaumont.org
- Legacy Spectrum Health Lakeland:
  - https://www.spectrumhealthlakeland.org/patient-visitor-guide/patient/billing/financial-assistance
  - Uhamagaye (844) 408.4103
  - cyangwa ukohereza imeyili kuri SHLfinancialcounseling@spectrumhealth.org
- Legacy Spectrum Health West Michigan:
  - https://www.spectrumhealth.org/affording-care/financial-assistance
  - Uhamagaye (800) 968.0145
  - cyangwa ukohereza imeyili kuri FinancialCounseling@spectrumhealth.org

Itangazo ritandukanye ryanditswe rizahabwa buri muntu nibura mu minsi 30 mbere yuko ibikorwa byo kwishyuza bitangira.

6.12. Ishingiro ryo Kubara Umubare w'amadolari yatangiwe Fagitire muri Rusange (AGB)

Corewell Health (harimo ibigo by'ingenzi bifitanye isano na yo) ntiyishyuza abarwayi bemerewe ubufasha muri Gahunda yo gutanga Ubufasha bw'Amadolari ("FAP") ku buvuzi Bwihutirwa n'ubundi buvuzi bwa Ngombwa arenze umubare w'amadolari yatangiwe fagitire muri rusange (AGB) ku bantu bafite ubwishingizi bwa bene ubu buvuzi. Nyamara, Corewell Health itangira ubuntu ubuvuzi Bwihutirwa cyangwa ubundi buvuzi bwa Ngombwa ku barwayi bujuje ibisabwa byo guhabwa ubufasha bw'amadolari nkuko iyi Gahunda ibiteganya. Corewell Health ikoresha uburyo bwo kugenzura no kubara ijanisha ry'Umubare w'amadolari yatangiwe fagitire muri rusange kuri buri bitaro ikagabanya umubare wishyurijwe ubuvuzi Bwihutirwa n'ubundi buvuzi bwa Ngombwa bwemewe na Medicare ko butangirwa ubuntu ku bufatanye n'ubwishingizi bwigenga mu mezi (12) ashize ku ngengabihe y'umwaka, n'umubare mbumbe wishyujwe kuri izo serivisi bivugwa ko zatanzwe. Corewell Health ishyira ku rubuga rwayo kopi igezweho y'ubusobanuro bw'umubare wabazwe wa AGB n'amajanisha :

- billilng-percentages-english.pdf (beaumont.org) (Legacy Beaumont Health) .
- amounts-generally-bill-agb-table2019-english.pdf (spectrumhealthlakeland.org) (Legacy Spectrum Health Lakeland)
- spectrum-health-amounts-generally-billed-table.pdf (contentstack.io) (Legacy Spectrum Health West Michigan)

Hakurikijwe itegeko rya Michigan, Corewell Health ntizishyuza umurwayi udafite ubwishingizi ufite urugo rwinjiza umutungo uri munsi ya 250% wa FPG birenze 115% by'igipimo cya Medicare cyo kwishyura.

6.13. Umutwaro uremereye mu bukungu

Corewell Health izi ko ibibazo bikomeye by'ubuzima bishobora kubyara umutwaro uremereye mu bukungu ku murwayi n'umuryango, ari yo mpamvu Corewell Health ifite uburenganzira bwo kugenzura dosiye zikomeye cyane umuntu ku wundi. Gutekereza ku kugabanya ibisaba amadolari bizakorwa hishyurwa fagitire zirundanyije mu minsi 240 ishize, ndetse n'izatanzwe mbere y'igihe mu minsi 90 iri imbere. Umutwaro uremereye mu bukungu ni utera umutwaro mu bukungu wa 25% by'umutungo urugo rwinjiza mu kwezi cyangwa kurenzaho.

7. **Amasubiramo**
Corewell Health ifite uburenganzira bwo guhindura, kuvugurura, kwimura cyangwa gukuraho iyi gahunda igihe cyose hatabayeho integuza y'itangazo ryanditswe.

Amavugurura yose y'iyi gahunda areba Perezida n'Umuyobozi Mukuru Nshingwabikorwa ba Corewell Health n'uwo baha inshingano. Amasubiramo yose y'imigereka y'iyi gahunda n'inyandiko nyunganizi zerekeye iyi gahunda, nk'ubusabe bw'ubufasha bw'amadolari, incamake yumvikana, n'ibindi, byashinzwe Umuyobozi Mukuru ushinzwe Kwiyandikisha n'Ubujyanama mu by'imari, muri Corewell Health.

8. **Gahunda Zakuweho n'Izahinduwe:** Iyi gahunda ikuyeho kandi ihinduye gahunda zikurikira kuva ku itariki iyi gahunda ya Spectrum Health Hospital Group Financial Assistance Eligibility Policy #SH-ADMIN-FIN-001; Lakeland Heath Financial Assistance Policy CORP #176; Spectrum Health Financial Assistance Eligibility Policy #2983; Beaumont Health Financial Assistance Policy #9349605.

9.

10. **Amashakiro**
Uburenganzira n'Inshingano by'Umurwayi(Legacy Beaumont Health)
Uburenganzira n'Inshingano by'Umurwayi (Legacy Spectrum Health Lakeland)
Uburenganzira n'Inshingano by'Umurwayi (Legacy Spectrum Health West Michigan)
Gahunda yo Gutanga fagitire no Kwishyuza (Legacy Beaumont Health)
Patient Responsible Balance Billing and Collection Policy (Legacy Spectrum Health)
Itegeko ry'Ubuvuzi Bwihutirwa n'Umurimo (EMTALA) (Legacy Beaumont Health)
Uburwayi bunekeye Ubuvuzi Bwihutirwa / Ubuvuzi / Gahunda yo kohereza umurwayi ahandi (ITEGEKO RY'UBUVUZI BWIHUTIRWA N'UMUROMO - EMTALA) (Legacy Spectrum Health)
Gahunda yo Kubika Inyandiko n'uko bikorwa (Legacy Beaumont Health)
Gahunda yo gucunga Amakuru, Kuyabika no Kuyashyingura (Legacy Spectrum Health)

11. **Gukora Gahunda no Kuyemeza**

Nyir'inyandiko:
Kyleigh Hafeli (Spec, Project)

Umwanditsi (abanditsi)
Sarah Clark (Dir Sr, Regist & Financial Couns)

Umugenzuzi (abagenzuzi):
Amy Assenmacher (SVP, Finance Revenue Cycle), Celeste Mcintyre (SVP, Corporate Controller), Courtney Guernsey (Dir Sr, Patient Financial Services), Darryl Elmouchi (SVP, President SHWM), Hardik Dalal (SVP, Finance SHWM), Loren Hamel (SVP, President, SHL & Strat Advisor BHSH), Matthew Cox (Chief Financial Officer), Paul Konopacki (VP, Finance LKD), Steffany Dunker (Managing Counsel)

Abayobozi ba BHSH SYSTEM Beaumont: Benjamin Schwartz, MD (President, BHSH Beaumont Health), Christopher Flores (SVP Finance)

Inzego zizaranga inyandiko bifitanye isano zikubiye muri iyi nyandiko nkuko bikwiye
Kopi zacapwe z'iyi nyandiko zishobora kurenza igihe ndetse zishobora gufatwa nk'izitabasha kugenzurwa.

Ubyemeza:
Christina Freese Decker (President & CEO)

12. **Amagambo y'ingenzi:**
inyunganizi, ubukene, kwemererwa, ubugiraneza, imyanzuro,ubunyangamugayo, ubufasha mu buvuzi, ubuvuzi bw'ubuntu, kwikinisha

Gahunda ya Corewell Health yo Kwemererwa Ubufasha bw'Amadolari-Umugereka A

Gahunda ya Corewell Health yo Kwemererwa Ubufasha bw'Amadolari ("gahunda") ireba gusa Ibigo biri muri Corewell Health (urutonde ruri muri Gahunda) n'abatanga serivisi bose bahawe akazi n'ibi Bigo.

Legacy Beaumont Health:
Urutonde rw'abatanga serivisi batarebwa n'iyi Gahunda bashobora kuboneka ku rubuga rwacu ukanze hano.

Legacy Spectrum Health Lakeland:
Ku birebana na Legacy Spectrum Health Lakeland, Gahunda ireba ibigo bikurikira: Lakeland Hospitals at Niles & St. Joseph, Inc., Lakeland Community Hospital, Watervliet (ifatanyije na, the Lakeland Health Hospitals), Pine Ridge: A Nursing and Rehabilitation Center, Center for Outpatient Services, Paw Paw Lake Medical Center Xray, Lakeland Outpatient Rehabilitation Services, Lakeland Cardiology, Lakeland Homecare, Home Infusion Services, Inc., Lakeland Heart & Vascular ndetse na Lakeland Cardiothoracic. Ibindi birebwa n'iyi Gahunda kandi ni amavuriro agengwa na Lakeland Hospital Watervliet Coloma Medical Center, Stagg Medical Center, Community Medical Center at Watervliet, Community Bone & Joint, hamwe na Southwestern Medical Clinic Physicians, Inc. - Niles and Lakeland Medical Practices – Abanyabitaro.

Uretse ibigo biri ku rutonde hejuru, iyi Gahunda ntikurikizwa kuri serivisi zatanzwe n'abatanga serivisi bigenga badakorera Corewell Health cyangwa ibigo biyishamikiyeho, birimo Legacy Spectrum Health Lakeland, cyangwa abatanga serivisi muri Legacy Spectrum Health Lakeland bakodeshejwe kuri abo batanga serivisi bigenga. Kandi, iyi Gahunda ntikurikizwa ku Bakorerabushake bita ku murwayi, amavuriro ashamikiye kuri Lakeland Health mu izina rya Southwestern Medical Clinic Physicians, Inc. (havuyemo ahaherereereye Niles) cyangwa Lakeland Medical Practices (havuyemo abanyabitaro).

Legacy Spectrum Health West Michigan:
Uretse ibyavuzwe hejuru, urutonde rw'abatanga serivisi batarebwa n'iyi Gahunda bashobora kuboneka ku rubuga rwacu ukanze hano.

Inzego zizaranga inyandiko bifitanye isano zikubiye muri iyi nyandiko nkuko bikwiye
Kopi zacapwe z'iyi nyandiko zishobora kurenza igihe ndetse zishobora gufatwa nk'izitabasha kugenzurwa.

Ibigo bya Leta by'Ubuvuzi na Porogaramu ya Leta ya Michigan yo korohereza abatishoboye Kwishyura Inguzanyo - Umugereka B

Ibikurikira bizakoreshwa Site zemejwe Gusa bya Corewell Health NHSC & MSLRP

GAHUNDA: Guha serivisi z'ubuntu cyangwa ku giciro kigabanyije abazikeneye. Abarwayi baherwa serivisi z'ubuvuzi ku Bigo bya Leta by'Ubuvuzi ("NHSC") cyangwa Porogaramu ya Leta ya Michigan yo korohereza abatishoboye Kwishyura Inguzanyo (“MSLRP”) ibigo byemerewe gukoreraho bizasuzumwa ku mpamvu z'ubufasha bw'amadolari hashingiwe ku bisabwa na NHSC ku mutungo winjizwa n'ingano y'umuryango kandi ntibizasuzumwa hashingiwe ku zindi mpamvu.

IMPAMVU: Abarwayi bose bashaka serivisi z'ubuvuzi kuri site za Corewell Health NHSC & MSLRP bizeye ko bazahabwa serivisi hatitawe ku bushobozi bwabo bwo kwishyura. Nta n'umwe wimwa serivisi kubera kubura ubushobozi bwo kwishyura. Iyi porogaramu igenewe guha ubuvuzi ku buntu cyangwa ku giciro kigabanyije abantu badafite ubushobozi, cyangwa bafite ubushobozi budahagije, bwo kwiyishyurira serivisi z'ubuvuzi (badafite ubwishingizi cyangwa bishingiwe bidahagije)

Abarwayi bavurirwa kuri site zemejwe za NHSC cyangwa MSLRP bashobora gukoresha ubusabe bw'ubu Bufasha bw'Amadolari bw'Ibanga bwo kuri NHSC/MSLRP Confidential Financial Assistance Application. Abasaba ubufasha bahabwa ubuvuzi kuri site za NHSC cyangwa MSLRP ntibasabwa gusabwa ibigenwa n'undi mwishingizi, leta, igihugu cyangwa izindi porogaramu z'abagiraneza mbere yo kwemererwa ubufasha bw'amadolari.

Site zo gukoreraho zemejwe za Corewell Health NHSC & MSLRP zizatanga Porogaramu yo korohoreza kwishyura abantu bose badashobora kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo binjiza. Nta n'umwe udashobora kwishyura kuri site zemejwe za NHSC cyangwa MSLRP uzimwa serivisi. Corewell Health izashingira porogaramu yo kwemerera umuntu ubufasha ku bushobozi bwe bwo kwishyura kandi ntizavangura ishingiye ku bwoko bw'umuntu, ibara ry'uruhu, igitsina, igihugu cy'inkomoko, ubumuga, idini, imyaka, igitsina umuntu yiyumvamo, cyangwa igitsina kimuranga. Imirongo ngenderwaho yashyizweho na Leta igaragaza ikigero cy'Ubukene ("FPG") ikoreshwa mu kurema no kuvugurura mu mwaka gahunda yorohereza abantu kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo binjiza (FPG) kugira ngo hanzurwe niba bemerewe ubufasha. Nyamara, abarwayi bavurirwa kuri site zemejwe za Corewell Health NHSC cyangwa MSLR bari ku ijanisha rya 250 cyangwa munsi ry'igipimo cy'ubukene (reba https://aspe.hhs.gov/poverty-guidelines ku mabwiriza asanzwe) bazakurirwaho umutwaro wo kwishyura (ubuvuzi bw'ubuntu) kuri serivisi zitangirwa kuri site zemejwe za NHSC cyangwa MSLRP ziri muri porogaramu yorohereza abantu kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo binjiza.

UKO BIKORWA:

Imirongo ngenderwaho ikurikira igomba gukurikizwa muri Porogaramu yorohereza abantu kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo binjiza.

1. Imenyesha: Corewell Health izamenyesha abarwayi bari muri Porogaramu yorohereza abantu kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo binjiza:
    - Amakuru ya Gahunda yo kwishyura azaboneka ku barwayi bose igihe bahabwa serivisi.
    - Imenyesha rya Porogaramu yorohereza abantu kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo binjiza rizahabwa buri murwayi akimara gushyirwa mu bitaro.
    - Amakuru yerekeye iboneka rya Porogaramu yorohereza abantu kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo binjiza azaba akubiye mu matangazo yakusanyijwe agatangwa na Corewell Health.
    - Ubusobanuro bwa Porogaramu yacu yorohereza abantu kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo binjiza n'ifishi yacu yo kwiyandikisha biraboneka ku rubuga rwa Corewell Health.
    - Corewell Health ishyira imenyesha rya Porogaramu yorohereza abantu kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo binjiza aho abarwayi bategerereza guhabwa serivisi kwa muganga.

2. Gusaba kugabanyirizwa ubwishyu: Ubusabe bwo kugabanyirizwa ubwishyu bushobora gukorwa n'abarwayi, abagize umuryango, abakozi ba serivisi zishinzwe imibereho myiza cyangwa abandi bazi ibibazo by'ubukungu umuntu afite. Porogaramu yorohereza abantu kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo binjiza izaboneka gusa ku barwayi baje kwivuza. Amakuru n'amafishi bishobora gukurwa ku meza y'aho abantu bakirirwa n'ibiro byishyurirwamo.

Inzego zizaranga inyandiko bifitanye isano zikubiye muri iyi nyandiko nkuko bikwiye
Kopi zacapwe z'iyi nyandiko zishobora kurenza igihe ndetse zishobora gufatwa nk'izitabasha kugenzurwa.

3. Imikorere: Serivisi za Porogaramu yorohereza abantu kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo binjiza zizatangwa nyuma y'Igenzura rikorerwa n'Itsinda rishinzwe guha Umurwayi ubufasha bw'amadolari. Amakuru yerekeye FAP na gahunda ya Porogaramu yorohereza abantu kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo binjiza ndetse n'imikorere yabyo bizamenyeshwa abarwayi. Abakozi bagomba gutanga ubufasha mu kuzuza ubusabe. Agaciro n'ibanga bizubahwa kuri buri wese uzashaka kandi/cyangwa uzahabwa serivisi z'ubuvuzi.

4. Kuzuza Ubusabe: Umurwayi/uwo bireba agomba kuzuza ubusabe bwose bw'Ubufasha bw'amadolari mu ibanga butangwa na NHSC&MSLRP. Abakozi bazaba bahari, uko bakenewe, kugira ngo bafashe umurwayi/uwo bireba kuzuza ubusabe bw'ubufasha. Mu gusinya ubusabe, abantu baba bahamije umutungo binjiza nk'uko wagaragajwe ku ifishi yo gutanga ubusabe bw'ubufasha.

5. Kwemererwa ubufasha: Koroherezwa kwishyura bizashingira ku mutungo umuntu yinjiza n'ingano y'umuryango we.
   a. Umuryango usobanurwa nka: itsinda ry'abantu babiri cyangwa barenga (umwe muri bo ari nyir'urugo) bafitanye isano y'amavuko, gushyingiranwa, kubera umubyeyi umwana utabyaye mu buryo bwemewe n'amategeko kandi bakaba babana. Aba bantu bose (harimo abafitanye amasano ya kure) bafatwa nk'abagize umuryango umwe. Corewell Health izemera aba bana mu rugo badafitanye isano igihe cyo kubara ingano y'umuryango.
   b. Umutungo winjizwa ukubiyemo: imishahara mbumbe, imishahara ijyanwa mu rugo; uduhimbazamusyi; umutungo winjizwa mu bucuruzi; akazi umuntu yikorera ku giti cye; imperekeza; indishyi zihabwa umukozi; ubwiteganyirize; ubwishyu buhabwa uwavuye ku rugerero; ibigenerwa uwarokotse; ubwishyu buhabwa uwavuye ku kazi cyangwa uri mu kiruhuko cy'izabukuru; inyungu; ubwasisi; ubwishyu buhabwa umuntu ku mutungo we wakoreshejwe; ikode; ubwishyu ku mitungo itimukanwa; ubwishyu buhabwa ucungirwa umutungo; amadolari yishurwa n'umwe mu bahawe gatanya ayishyura uwo batandukanye; ubufasha buhabwa umwana; ubufasha buva hanze y'urugo; n'ahandi hava umutungo hatandukanye.

6. Kugenzura Umutungo: Abasaba ubufasha bashobora gutanga kimwe mu bikurikira: W-2 y'umwaka uheruka, fagitire ebyiri za vuba cyane, ibaruwa yatanzwe n'umukoresha, cyangwa ifishi ya 4506-T (niba W-2 itarabitswe). Abantu bikoresha bashobora gusabwa gutanga amakuru arambuye y'umutungo binjije mu mezi atatu aheruka n'amadolari bakoresheje mu kazi kabo. Amakuru y'ingenzi agomba kuboneka kugira ngo hanzurwe niba umuntu yemerewe kuba muri porogaramu. Kwimenyekanishiriza umutungo winjizwa bishobora gukenerwa. Abarwayi badashobora gutanga igenzura ryanditswe bashobora gutanga inyandiko iriho umukono igaragaza umutungo binjiza.

7. Koroherezwa kwishyura: Abarwayi bavurirwa kuri site zemejwe za NSHC cyangwa MSLRP binjiza umutungo uri munsi y'ikigero cya 250% cy'ubukene bazoroherezwa kwishyura 100% kuri serivisi z'ubuvuzi (ni ukuvuga ko bazavurwa ku buntu). Abarwayi bavurirwa kuri site zemejwe za NHSC&MSLRP bemerewe uku koroherezwa kwishyura mu minsi 90 uhereye ku itariki umwanzuro wafatiwe kandi bigomba kongera gukurikizwa buri minsi 90.

8. Imenyesha rihabwa uwatanze ubusabe bw'ubufasha: Umwanzuro kuri Porogaramu yorohereza abantu kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo binjiza uzamenyeshwa abanditse basaba ubufasha mu nyandiko, cyangwa, nibiba ngombwa, impamvu yo guhakanirwa. Ubusabe bwo muri porogaramu bufasha kwishyurira umurwayi amadolari yishyuzwa yo mu mezi atandatu ya mbere y'itariki yo kwemerwa k'ubusabe n'amadolari asabwa kwishyura mu minsi 90 nyuma y'itariki ubusabe bwemerejweho, keretse ubukungu bwe buhindutse mu buryo bugaragara. Usaba ubufasha afite amahitamo yo kongera kubusaba nyuma yuko iminsi 90 irangiye cyangwa igihe cyose habaye impinduka igaragara mu mutungo umuryango winjiza. Iyo usaba ubufasha yongeye kubusaba, igenzura rizatwara munsi y'amezi atandatu cyangwa igihe ubusabe bwe bw'ubufasha buheruka bwatesherejwe agaciro.

9. Kwanga kwishyura: Iyo umurwayi avuze ko adashaka kwishyura cyangwa agiye atishyuye serivisi yahawe, umurwayi azabwirwa mu nyandiko amadolari agomba kwishyura. Niba umurwayi atarasabye koroherezwa kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo yinjiza, amakuru yerekeye Porogaramu yorohereza abantu kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo binjiza azashyirwa mu itangazo azahabwa. Umurwayi nadashyira imbaraga mu kwishyura cyangwa nadasubiza mu minsi 60, ibi bizaba bivuze ko yanze kwishyura. Iki gihe, Corewell Health ishobora gukora amahitamo atagarukira ku, ariko arimo guha umurwayi uburyo bwo kwishyura, kumukuraho umwenda, cyangwa kohereza umurwayi ahakusanyirizwa ubwishyu. Gahunda ya

Corewell Health yo gutanga Fagitire& Gukusanya ubwishyu ikora ku barwayi ba NHSC&MSLRP bari hejuru ya 250% bya FPG. Nkuko byasobanuwe hejuru, abari munsi ya 250% bya FPG ntibishyuzwa ku buvuzi bakorewe kandi ntibarebwa na gahunda yo gukusanya ubwishyu.

10. Kubika amakuru: Amakuru yerekeye ibyemezo bifatwa na Porogaramu yorohereza abantu kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo binjiza azabikwa n'umuyobozi wo muri porogaramu. Amakuru arambuye yerekeye ubusabe bw'ubufasha bwemejwe n'ubwanzwe azabikwa n'umuyobozi muri porogaramu muri sisitemu yo kuyacunga no kuyagenzura.

11. Gahunda n'uburyo bwo gukora igenzura: SFS izavugururwa hashingiwe ku mirongo ngenderwaho ubu yashyizweho na Leta igaragaza ikigero cy'Ubukene. Corewell Health izagenzura kandi impinduka zishoboka muri gahunda yacu n'imikorere no gusuzuma imikorere y'ikigo ishobora kuba imbogamizi zibuza abarwayi kugera ku buvuzi duha abaturage.

12. Ingengo y'imari: Mu gukora ingengo y'imari y'umwaka, ikigereranyo cy'ingano ya serivisi Porogaramu yorohereza abantu kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo binjiza kizashyirwa mu ngengo y'imari nk'ibyavanywe ku mutungo winjijwe.

gahunda yorohereza abantu kwishyura serivisi hashingiwe ku mutungo binjiza mu 2022

Ikigero cy'Ubukene cyashyizweho na Leta mu 2022- Umutungo winjizwa mu mwaka	Ingano y'Urugo	**100%**	250%
	1	$13,590.00	$33,975.00
	2	$18,310.00	$45,775.00
	3	$23,030.00	$57,575.00
	4	$27,750.00	$69,375.00
	5	$32,470.00	$81,175.00
	6	$37,190.00	$92,975.00
	7	$41,910.00	$104,775.00
	8	$46,630.00	$116,575.00
	each addt'l person	$4,720.00	$11,800.00

Umugereka C

Itangazo ryo kwirinda Ivangura:

Ni gahunda ya Corewell Health n'inzego zose zishamikiyeho yo gutanga ubuvuzi bufite ireme ku bantu bose. Corewell Health ntizakora ivangura rishingiye ku bwoko, ibara ry'uruhu, igihugu cy'inkomoko, ubwenegihugu, igitsina, idini, imyaka, ubumuga, imyemerere ya politiki, igitsina umuntu yiyumvamo, n'irangamimerere na sitati y'umuryango. Gushyirwa mu bitaro no kuvurwa bizaba bishingiye gusa ku buvuzi umurwayi azaba akeneye n'urwego n'ubushobozi bw'ivuriro bwo kwita ku murwayi no kumuha ubuvuzi akeneye. Umurwayi ntazangirwa gushyirwa mu bitaro no kuvurwa hashingiwe ku bwoko, ibara ry'uruhu, igitsina, isura, igihugu cy'inkomoko, idini, ubumuga, imyaka, kuba abana n'ubwandu bwa virusi itera HIV, uwavuye ku rugerero, cyangwa umusirikare, uburyo bwo kwishyura cyangwa irindi shingiro ribujijwe n'igihugu, leta cyangwa amategeko y'aho ivuriro rihererereye. Abarwayi bazavurwa mu buryo bugendanye n'igitsina kibaranga.

Reba gahunda y' Uburenganzira n'Inshingano by'Umurwayi (Legacy Beaumont Health), Uburenganzira n'Inshingano by'Umurwayi (Legacy Spectrum Health Lakeland) or Uburenganzira n'Inshingano by'Umurwayi (Legacy Spectrum Health West Michigan) kugira ngo ubone andi makuru arambuye.

Corewell Health:

- Itanga ku buntu inkunga na serivisi ku bantu bafite ubumuga kugira ngo bavugane natwe nta ngorane, nka:
    - Abasemuzi b'amarenga b'umwuga
    - Amakuru yanditse mu bundi bwoko (inyuguti nini, amajwi, amakuru ari mu bwoko bwa elegitoroniki, ubundi bwoko)
- Itanga serivisi z'indimi ku bantu Icyongereza atari ururimi rwabo rw'ibanze, nka:
    - Abasemuzi b'umwuga
    - Amakuru yanditse mu zindi ndimi

Niba ukeneye izi serivisi, kuri Legacy Spectrum Health hamagara Serivisi z'Indimi kuri: 616.267.9701 or 1.844.359.1607 (TTY:711).

Ku hakorera Legacy Beaumont Health hamagara ishami rishinzwe Abarwayi n'Umuryango kuri: 313-593-7070 (Dearborn, Taylor, Trenton, na Wayne), 947-521-8880 (Farmington Hills), 248-551-7040 (Grosse Pointe, Royal Oak, Troy), 248-426-6976 (Farmington Hills RNC), 248-743-9500 (Beaumont Home Health Services). 313-253-9024 (Dearborn RNC) or 947-522-2007 (Beaumont Medical Group).

Niba wizeye ko Corewell Health itaguhaye izi serivisi cyangwa yaragukoreye ivangura mu bundi buryo ishingiye ku bwoko, ibara ry'uruhu, igihugu cy'inkomoko, imyaka, ubumuga, cyangwa igitsina, igitsina wiyumvamo, igitsina kikuranga cyangwa idini ushobora kugeza ibyo utishimiye kuri:

- Legacy Beaumont Health
  Patient Experience Department
  26901 Beaumont Blvd.
  Southfield, MI 48033
  947-522-1472
  Pfcc@beaumont.org
- For Legacy Spectrum Health
  Director, Patient Experience
  100 Michigan St NE MC 006
  Grand Rapids, MI 49503
  616-391-2624; Umurongo utishyuzwa: 1-855-613-2262
  patient.relations@spectrumhealth.org

Ushobora kuvuga ibyo utishimiye ubwawe cyangwa ugakoresha iposita, fagisi, cyangwa imeyili. Niba ushaka ubufasha bwo kuvuga ibyo utishimiye, Umuyobozi ushinzwe Abarwayi yiteguye kugufasha.

Ushobora kandi gutanga ikirego ku burenganzira bw'imbonezamubano ku Ishami rishinzwe Ubuzima n'Imibereho myiza y'Abaturage muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Ibiro bishinzwe Uburenganzira bw'Imbonezamubano ukoresheje ikoranabuhanga ukanyura ku rubuga rutangirwaho Ibirego rw'Ibiro bishinzwe Uburenganzira bw'Imbonezamubano, biboneka kuri https://ocrportal.hhs.gov/ocr/portal/lobby.jsf, cyangwa ukohereza ku iposita cyangwa ugahamagara kuri:

U.S. Department of Health and Human Services
200 Independence Avenue SW, Room 509F, HHH Building
Washington, DC 20201
1-800-368-1019, 800-537-7697 (TDD).

Ifishi itangirwaho ikirego iraboneka kuri http://www.hhs.gov/ocr/office/file/index.html.

Tuvugishe

Español (Spanish)
ATENCIÓN: Si usted habla español, tiene a su disposición servicios gratuitos de asistencia lingüística. Llame al 1-844-359-1607 (TTY: 711).

العربية (Arabic)
ملحوظة: إذا كنت تتحدث اللغة العربية، فإن خدمات المساعدة اللغوية تتوافر لك بالمجان. اتصل برقم 1-844-359-1607 (رقم هاتف الصم والبكم: 711).

中文 (Chinese): 國語/普通話 (Mandarin), 粵語 (Cantonese)
請注意：如果您講中文，你可以獲得免費的語言輔助服務。請撥打1-844-359-1607（TTY 手語翻譯：711）。

Tiếng Việt (Vietnamese)
CHÚ Ý: Nếu bạn nói Tiếng Việt, có các dịch vụ hỗ trợ ngôn ngữ miễn phí dành cho bạn. Gọi số 1-844-359-1607 (TTY: 711).

Ako govorite srpsko (Serbian, Croatian or Bosnian)
OBAVJEŠTENJE: Ako govorite srpsko-hrvatski, usluge jezičke pomoći dostupne su vam besplatno. Nazovite 1-844-359-1607 (TTY: 711). (TTY- Telefon za osobe sa oštećenim govorom ili sluhom: 711).

አማርኛ (Amharic)
ማስታወሻ: የሚናገሩት ቋንቋ አማርኛ ከሆነ የትርጉም እርዳታ ድርጅቶች፣ በነጻ ሊያግዝዎት ተዘጋጀተዋል፡ ወደ ሚከተለው ቁጥር ይደውሉ 1-844-359-1607. (መስማት ለተሳናቸው: (TTY: 711).

नेपाली (Nepali)
ध्यान दिनुहोस्: तपाईले नेपाली बोल्नुहुन्छ भने तपाईको निम्ति भाषा सहायता सेवाहरू निःशुल्क रूपमा उपलब्ध छ । फोन गर्नुहोस् 1-844-359-1607 (टिटिवाइ: (TTY: 711).

Thuɔŋjaŋ (Nilotic – Dinka)
PIƆ KENE: Na ye jam në Thuɔŋjaŋ, ke kuɔny yenë kɔc waar thook atɔ kuka lëu yök abac ke cïn wënh cuatë piny. Yuɔpë 1-844-359-1607 (TTY: 711).

Kiswahili (Swahili)
KUMBUKA: Ikiwa unazungumza Kiswahili, unaweza kupata, huduma za lugha, bila malipo. Piga simu 1-844-359-1607 (TTY: 711).

فارسی (Farsi)
توجه: اگر به زبان فارسی گفتگو می کنید، تسهیلات زبانی بصورت رایگان برای شما فراهم می باشد. با 1.844-359-1607 (TTY: 711). تماس بگیرید.

Français (French)
ATTENTION : Si vous parlez français, des services d'aide linguistique-vous sont proposés gratuitement. Appelez le 1.844-359-1607 (TTY : 711).

မြန်မာ (Burmese)
သတိပြုရန်- သင် မြန်မာစကားပြောဆိုပါက ဘာသာစကား အကူအညီဝန်ဆောင်မှုများကို အခမဲ့ ရရှိနိုင်ပါသည်။ 1-844-359-1607, (TTY: 711) ကို ခေါ်ဆိုပါ။

فارسی دری (Dari)
توجه اگر به زبان دری صحبت می کنید، خدمات کمک زبانی بصورت رایگان برای شما در دسترس است. تماس با 1-844-359-1607 (TTY: 711) .

Kreyòl Ayisyen (Haitian Creole)
ATANSYON: Si ou pale Kreyòl Ayisyen, gen èd nan lang ki disponib gratis pou ou. Rele nimewo 1-844-359-1607 (TTY: 711).

Ikinyarwanda (Kinyarwanda)
ICYITONDERWA: Niba uvuga ikinyarwanda, serivisi z'ubufasha ku byerekeye ururimi, urazihabwa, ku buntu. Hamagara 1-844-359-1607 (ABAFITE UBUMUGA BW'AMATWI BIFASHISHA ICYUMA CYANDIKA -TTY: 711).

Soomaali (Somali)
DIGTOONI: Haddii aad hadasho Soomaali, adeegyada caawimada luqadda, oo bilaasha, ayaad heli kartaa. Wac 1.844-359-1607 (TTY: 711).

اللهجة السودانية (Sudanese)
ملحوظة: إذا كنت تتحدث اللهجة السودانية، فإن خدمات المساعدة اللغوية تتوافر لك بالمجان. اتصل على الرقم 1-844-359-1607 (رقم الصم والبكم: 711).

தமிழ் (Tamil)
கவனம்: நீங்கள் தமிழ் பேசினால், உங்களுக்கு இலவசமான மொழி உதவிச் சேவைகள் கிடைக்கின்றன.இந்த எண்ணை அழைக்கவும்: 1-844-359-1607 (TTY: 711).

ትግርኛ (Tigrinya)
ትኹረት: ትግርኛ እንድሕር ትዛረብ ኮንካ፣ ናይ ቋንቋ ደገፍ ኣልግሎታት፣ ብናጻ ክቐርቡልካ እዮም። ደውል 1.844-359-1607 (TTY: 711)።